REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RW'IKIRENGA
BP 2197 KIGALI

**ITANGAZO N°..007../CSM/2014 RIGENEWE ABIFUZA GUPIGANIRA UMWANYA W'UMUCAMANZA MU RUKIKO RW'UBUCURUZI**

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza aramenyesha ababyifuza, ko hari umwanya umwe (1) w'umucamanza mu Rukiko rw'Ubucuruzi upiganirwa.

Uwifuza gupiganira uwo mwanya agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda;
2. Kuba afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;
3. Kuba afite nibura impamyabumenyi ihanitse mu byerekeye amategeko;
4. Kuba ari inyangamugayo;
5. Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire;
6. Kuba atarahamwe n'icyaha cy'ingengabitekerezo ya Jenoside;
7. Kuba atarangwa n'amacakubiri ayo ariyo yose;
8. Kuba atabogama;
9. Kuba atavugirwamo;
10. Kuba adafite ubumuga bwo mu mutwe bwatuma adashobora gukora imirimo y'ubucamanza, byemejwe na muganga wemewe na Leta;
11. Kuba atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki;
12. Kuba atarigeze guhanishwa igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) cyabaye ndakuka;
13. Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo yakoze cyangwa ngo asezererwe nta mpaka, atarakoresheje uburiganya mu kazi, atarataye umurimo, cyangwa ataranze kuwugarukaho mu gihe yari yarasezerewe by'igihe gito cyangwa se atarawugarutseho igihe yari abisabwe;
14. Kuba yarakoze mu gihe cy'imyaka ine (4) nibura imirimo irebana n'iby'amategeko.

**Ibindi bisabwa:**

1. Kuba azi gukoresha "*ordinateur/computer*";
2. Kuba afite impamyabumenyi irenze isabwa, byaba ari akarusho.
   **N.B**: Ufite impamyabumenyi y'icyiciro cya gatatu cya kaminuza cyangwa iy'ikirenga mu by'amategeko, uburambe busabwa, ni imyaka ibiri (2) nibura mu by'amategeko.

Uwifuza ako kazi yandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza, akizanira ubwe dosiye ye ku cyicaro cy'Urukiko rw'Ikirenga ku Kimihurura, mu Bunyamabanga Rusange.

Dosiye isaba akazi igomba kuba igizwe n'inyandiko zikurikira:

1. Ibaruwa isaba akazi;
2. Umwirondoro (CV);
3. Fotokopi y'impamyabumenyi.

Kwakira amadosiye bizakorwa gusa ku minsi y'akazi kuva tariki **19/06/2014** kugeza tariki **03/07/2014** kuva saa moya za mu gitondo kugeza saa kumi n'imwe za ni mugoroba.

Bikorewe i Kigali, kuwa ....19 JUN 2014............

**Sam RUGEGE**
**Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na**
**Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza**